Itariki	Umunsi	Ibikorwa	Ibiteganyijwe gukorwa	Aho bizabera
17/11/2019	**Ku cyumweru**	**Ikiganiro mpaka gitangiza icyumweru cyo kurwanya ruswa**	Ikiganiro mpaka kizanyuzwa ku Maradio anyuranye kizahuza Urwego rw'Umuvunyi, Ubushinjacyaha Bukurun'Urwego rw'Ubugenzacyaha	Radio Rwanda Radio1 Radio10 Isango Star Flash FM
19/11/2019	**Ku wa Kabiri**	**Umunsi wahariwe Kurwanya Ruswa mu Ntara y'Amajyaruguru**	Ku bufatanye na APNAC na Polisi, Urwego rw'Umuvunyi rurateganya Umunsi wo kurwanya ruswa uzabera mu Ntara y'Amajyaruguru ahazatangirwa ubutumwa bukangurira abantu kwirinda ruswa. Kuri uwo munsi hateganyijwe urugendo ruzabimburira ibindi bikorwa	Mu Karere ka Musanze
19/11/2019	**Ku wa Kabiri**	**Gutanga ubutumwa mu Nteko z'Abaturage**	Hazatangwa ubutumwa bwo Kurwanya ruswa mu Nteko z'Abaturage ziba buri wa kabiri.	Muri buri Kagali mu Gihugu hose
20/11/2019	**Ku wa Gatatu**	**Ibiganiro bizahuza Abanyamakuru**	Hateganyijwe ibiganiro bizahuriramo Abanyamakuru bakorera ibitangazamakuru	Muri Lemigo Hotel

			bikorera mu Rwanda. Ibyo biganiro bizibanda ku ruhare rw'Umunyamakuru mu kurwanya ruswa. Hazanatangwa ibihembo ku Banyamakuru bahize abandi mu gukora inkuru zicukumbuye kuri ruswa.	
24/11/2019	**Ku Cyumweru**	**Ikiganiro mpaka ku Maradiyo**	Hateganyijwe ikiganiro mpaka kizahuza Urwego rw'Umuvunyi, RGB na TI Rwanda ku Nsanganyamatsiko igira iti: **"Ruswa ibangamira Imiyoborere myiza"**. Ikiganiro kizibanda k'uburyo ruswa ibangamira imiyoborere myiza n'imitangire ya serivisi ndetse n'icyakorwa mu guteza imbere imiyoborere myiza izira ruswa.	Radio Rwanda Radio1 Radio10 Isango Star Flash FM
26/11/2019	**Ku wa kabiri**	**Umunsi wo kurwanya ruswa mu Ntara y'Amajyepfo**	Ku bufatanye na APNAC na Polisi, Urwego rw'Umuvunyi rurateganya Umunsi wo kurwanya ruswa uzabera mu Ntara y'Amajyepfo ahazatangirwa ubutumwa bukangurira abantu kwirinda ruswa. Kuri uwo	Mu Karere ka Huye

			munsi hateganyijwe urugendo ruzabimburira ibindi bikorwa	
26/11/2019	**Ku wa kabiri**	**Gutanga ubutumwa mu Nteko z'Abaturage**	Hazatangwa ubutumwa bwo Kurwanya Ruswa mu Nteko z'Abaturage ziba buri wa kabiri	Muri buri Kagali mu Gihugu hose.
27/11/2019	**Ku wa Gatatu**	**Ihuriro ry'Urubyiruko**	Biteganyijwe ko Ihuriro ry'Urubyiruko rizitabirwa n'Urubyiruko 300 rurimo abagize Komite z'Urubyiruko ku rwego rw'Akarere bazaturuka mu Turere twose tw'Igihugu n'abahagarariye abandi mu bagize Urubyiruko rwibumbiye mu Mashyirahamwe yo Kurwanya ruswa akorera mu Gihugu hose.	Mu Mujyi wa Kigali kuri Lemigo Hotel
29/11/2019	**Ku wa Gatanu**	**Umunsi wo kurwanya ruswa mu Ntara y'Iburengerazuba**	Ku bufatanye na APNAC na Polisi, Urwego rw'Umuvunyi rurateganya Umunsi wo kurwanya ruswa uzabera mu Ntara y'Iburengerazuba ahazatangirwa ubutumwa bukangurira abantu kwirinda ruswa. Kuri uwo munsi hateganyijwe urugendo ruzabimburira ibindi bikorwa	Mu Karere ka Rubavu

30/11/2019	**Ku wa Gatandatu**	**Ubutumwa mu Muganda Rusange**	-Hazatangwa ubutumwa bwo kurwanya ruswa nyuma y'Umuganda Rusange wa buri kwezi ukorerwa mu Midugudu yose y'Igihugu. -Abayobozi n'Abakozi bose b'Urwego rw'Umuvunyi n'abandi Bayobozi bo mu Rwego rw'Ubutabera bazifatanya n'Abaturage bo mu Karere ka Gasabo mu Muganda uzakorerwa mu Mudugudu uzatoranywa.	Mu Midugudu yose
01/12/2019	**Ku Cyumweru**	**Umunsi wo Kurwanya Ruswa mu Mujyi wa Kigali hateganyijwe Umupira w'Amaguru**	Umupira w'Amaguru, uzahuza amakipe akunzwe cyane mu Gihugu (Rayon Sports FC na Kiyovu Sports FC)	Umujyi wa Kigali kuri Stade Mumena i Nyamirambo
03/12/2019	**Ku wa Kabiri**	**Umunsi wo kurwanya ruswa mu Ntara y'Iburasirazuba**	Ku bufatanye na APNAC na Polisi, Urwego rw'Umuvunyi rurateganya Umunsi wo kurwanya ruswa uzabera mu Ntara y'Iburasirazuba ahazatangirwa ubutumwa bukangurira abantu kwirinda ruswa. Kuri uwo munsi hateganyijwe urugendo ruzabimburira ibindi bikorwa	Mu Karere ka Nyagatare

03/12/2019	**Ku wa kabiri**	**Gutanga ubutumwa mu Nteko z'Abaturage**	Hazatangwa Ubutumwa bwo Kurwanya Ruswa mu Nteko z'Abaturage ziba buri wa kabiri	Muri buri Kagali mu Gihugu hose
04/12/2019	**Ku wa Gatatu**	**Ikiganiro mpaka kuri ruswa muri Kaminuza**	Hazatangwa ikiganiro mpaka kizahuza Abarimu n' Abanyeshuri bahagarariye abandi mu Mashuri Makuru na za Kaminuza bikorera mu Mujyi wa Kigali. Icyo kiganiro kizategurwa ku bufatanye na Kaminuza y'u Rwanda	Mu Karere ka Kicukiro muri *College of Business and Economics*
6/12/2019	**Ku wa Gatanu**	**Ikiganiro kizahuza abagize Inzego z'Ubutabera**	Hazakorwa ikiganiro kizahuza Abayobozi mu Nzego zifite Ubutabera mu nshingano ndetse n'abandi batumirwa. Hazaganirwa ku Byuho bya Ruswa no ku Ngamba zo Kurwanya Ruswa mu Nzego z'Ubutabera n'uruhare rwa buri wese.	Lemigo Hotel
09/12/2019	**Ku wa Mbere**	**Umunsi wo Gusoza Icyumweru cyo Kuzirikana Kurwanya Ruswa**	Hazizihizwa Umunsi Mpuzamahanga wo Kurwanya Ruswa, hatangwa Ibihembo byo Kurwanya Ruswa mu rwego Mpuzamahanga (Anti-Corruption Excellence (ACE) Award)	Kigali Convention Center (KCC)